CPF INEZA

# INGUZANYO Y'UBUHINZI KU BINDI BIHINGWA

## IRIBURIRO:

Iyi ni inguzanyo ihabwa abandi bahinzi batari muri uru ruhererekane nyongeragaciro: Ibigori, umuceri, urutoki, ikawa, imyumbati, imboga, imbuto n'indabo. Ifasha abahinzi kwagura ishoramari mu bijyanye n'ubuhinzi bubungabunga ibidukikije kandi butangiza ikirere. Igenewe gufasha abahinzi kugura umurima; kubona inyongera musaruro; gutunganya ubutaka; kugura imbuto; kugura ibikoresho byifashishwa mu buhinzi nk'amasuka, imashini zihinga, izivomerera, izitera imiti; kwita ku bihingwa; guhemba abakozi; gutunganya, gufata neza umusaruro n'ubwikorezi bwawo. Muri abo bahinzi dushishikariza urubyiruko, abagore, n'abafite ubumuga kuyitabira.

## ABO IGENEWE:

1. Abacuruzi b'inyongeramusaruro (imbuto, ifumbire n'imiti)
2. Abahinzi (umuntu ku giti cye, amatsinda, koperative n'abandi...)
3. Inganda zitunganya umusaruro
4. Abikorezi b'umusaruro (ku magare, moto, lifani n'imodoka)
5. Abongerera agaciro n'abacuruza umusaruro
6. Abakora n'abatanga serivisi z'iyamamazabuhinzi
7. Abakora ubuhinzi bugerekeranyije akenshi bukorwa mu mijyi (vertical farming)

## UMWIHARIKO:

1. Itangirwa ku nyungu nto:
   - 18% ku mwaka, ku makoperative cyangwa abanyamuryango bayo ndetse n'amatsinda y'abahinzi
   - 20% ku mwaka ku bahinzi ku giti cyabo
2. Iboneka mu gihe gito (Serivise nziza kandi yihuse)
3. Yishyurwa hashingiwe ku bushobozi bwo kwishyura (ku kwezi, ku gihembwe, ku saruro)
4. Igihe gihagije cyo kwitegura kwishyura: Gitangwa hashingiwe ku bwoko bw'igihingwa
5. Igihe gihagije cyo kwishyura: Gitangwa hashingiwe ku bwoko bw'igihingwa.

## GUHANGANA N'IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE:

Iyi nguzanyo ifasha mu kurengera ibidukikije no kudahumanya ikirere nko gufasha mu gutera inkunga ishoramari mu buhinzi, ubworozi, ibiti bivangwa n'imyaka, amashyamba n'uburobyi, bitewe n'inguzanyo isabwa, yaba ijyanye no kwita ku gihingwa / itungo / ibyororerwa mu mazi, kwita ku musaruro cyangwa se kuwugeza ku isoko. Hibandwa kuri izi ngingo:

**a. Mu buhinzi:**

- Imbuto zihanganira imihindagurikire y'ibihe (amapfa, ubushyuhe, imyuzure)

- Gusimburanya ibihingwa
- Ubuhinzi bwa kamere

**b. Ubworozi**

- Amoko y'amatungo yihanganira imihindagurikire y'ibihe
- Gutegura ibiryo by'amatungo n'amazi mu buryo bwubahiriza urusobe rw'ibinyabuzima
- Kubakira no kuvura amatungo mu buryo burengera ibidukikije

**c. Amashyamba**

- Gutera amoko y'ibiti kavukire biramba kandi bibika imyuka yangiza ikirere
- Kugenzura inkongi n'ibyonnyi
- Gufasha amashyamba kwiyongera mu buryo karemano (assisted natural regeneration)

**d. Ibiti bivangwa n'imyaka**

- Kuvanga ibiti n'ibihingwa mu murima

**e. Uburobyi**

- Korora amoko y'amafi cyangwa ibindi byororerwa mu mazi, yihanganira imihindagurikire y'ikirere
- Gukurikirana isuku n'ubwiza bw'amazi
- Gukoresha uburyo burambye bwo kugaburira amafi n'ibindi byororerwa mu mazi

**f. Imicungire mu murima (On-farm management)**

- Gukoresha uburyo bwo kubungabunga ubutaka n'amazi
- Kuhira neza hakoreshejwe uburyo buhendutse (nk'udupompo dukoresha imirasire y'izuba)
- Guhangana n'ibyonnyi hakoreshejwe uburyo bukomatanyije (IPM)

**g. Kwita ku musaruro (Post-harvest handling)**

- Kubika mu buryo bugezweho (nk'imifuka ifunga neza, ububiko bukonjesha bukoresha imirasire)
- Gutunganya umusaruro ukoresheje ingufu nke
- Gukoresha uburyo bwo gukonjesha umusaruro (cold chain)

**h. Kugeza umusaruro ku isoko (Market delivery)**

- Ubwikorezi butangiza ibidukikije
- Imbuga za murandasi zitanga amakuru y'isoko
- Ubwishingizi bw'ibihingwa buhangana n'ibiza

## INGANO Y'INGUZANYO ITANGWA:

Umuhinzi ku giti cye, amatsinda, amakoperative, amasosiyete, ibigo n'abandi bose bari mu ruhererekanye nyongeracaciro bashobora guhabwa ageze kuri 35,000,000 Frw cyangwa akarenga bitewe n'ibipimo ngenderwaho.

## IBISABWA:

1. Kuba ufite konti yo kubitsa ikora neza
2. Kuba warishyuye umugabane wose
3. Kuba ufite imyaka 18 kuzamura
4. Kuba ufite ingwate
5. Kuba utarambuye ibigo by'imari
6. Kwishyura ubwishingizi
7. Kubahiriza amahame y'ubuhinzi burambye kandi burengera ibidukikje

+250782553125 / +250788743637 info@cpfineza.rw info@cpfineza.rw